REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kayonza, kuwa 21/02/2019

No……951……/07.05.04

RECEPTION MINALOC Date: 22/02/2019

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA KAYONZA
P.O.BOX 03 RWAMAGANA
kayonzadistrict@minaloc.gov.rw

Eastern Province For reception Date 21 FEB 2019

**Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba**
**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bwana Guverineri,**

Nejejwe no kubandikira ngirango mbagezeho Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yateranye tariki ya 15/02/2019.

Mugire amahoro.

**MUKAMUYENZI Valentine**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bimenyeshejwe:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka
  **KAYONZA**

**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAYONZA YO KUWA 15/02/2019**

Inama yatangiye imirimo saa kumi z'umugoroba (16h00), ibera ku cyicaro cy'Akarere mu cyumba kinini cy'inama, iyoborwa n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Madamu **MUKAMUYENZI Valentine**.

Ubwitabire bwari Abajyanama makumyabiri na babiri kuri makumyabiri na batandatu bagombaga kwitabira iyi nama (22/26) bahwanye na 84,6% by'ubwitabire.

**Abandi bitabiriye inama**:

- Bamwe mu bayobozi b'Amashami (Unites) mu Karere ndetse n'abandi bakozi b'Akarere bifuje gukurikira iyo inama;
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ndetse n'abandi bose bifuje gukurikira iyo nama kuko yabereye mu ruhame.

**Abajyanama batitabiriye inama n'impamvu:**

1. Bwana MUTANGANA Eugene: impamvu z'akazi yari yabimenyesheje mbere Umuyobozi w'inama kandi nawe yamwemereye uruhushya.
2. Bwana ZIGIRA Alphonse: impamvu z'akazi, yari yabimenyesheje mbere Umuyobozi w'inama kandi nawe yamwemereye uruhushya;
3. Madamu MUKAMUSONERA Dative: nawe yagize impamvu z'akazi yemerewe n'uruhushya kuko yari yabimenyekanishije mbere;
4. Bwana BIDERI John Bonds: yagize impamvu z'akazi kandi yari yabimenyesheje mbere Umuyobozi w'Inama Njyanama nawe yamwemereye uruhushya.

Hamaze kuririmbwa indirimbo yubahiriza Igihugu nkuko bisanzwe bikorwa mbere y'inama zose z'Inama Njyanama, Umuyobozi w'inama yashimiye abitabiriye bose anabagezaho ingingo ziri bwigweho.



7 01.

Ashingiye ku ngingo ya 42 y'Itegeko No 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere yasobanuriye abari mu nama ko Inama Njyanama iteranye mu nama idasanzwe yiga gusa ku biri ku murongo w'ibyigwa.

Bityo asobanura ko nta yindi ngingo yemewe kwongerwa kuziteganyijwe mu butumire arizo:

1. **Gusuzuma no Kwemeza Ingengo y'Imari Ivuguruye y'Akarere ka Kayonza y'umwaka wa 2018-2019;**
2. **Kuganira ku manota y'igihe cy'igeragezwa ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere no kubifataho umwanzuro.**

Izo ngingo zarasuzumwe zinafatwaho imyanzuro mu buryo bukurikira:

- **INGINGO YA MBERE: Gusuzuma no kwemeza Ingengo y'Imari Ivuguruye y'Akarere ka Kayonza ya 2018/2019**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yahawe umwanya kugira ngo ageze ku bari mu nama ibisobanuro ku mikoreshereze y'Ingengo y'Imari y'Akarere mu mwaka wa 2018/2019 aho igeze ishyirwa mu bikorwa (Budget execution) mbere y'uko Abajyanama bahabwa ibisobanuro ku ngengo y'Imari Ivuguruye.

Abajyanama bagejejweho imikoreshereze y'Ingengo y'Imari ya 2018/2019 yanganaga n'amafaranga **Miliyari cumi n'eshatu, Miliyoni magana ane na Mirongo cyenda na zirindwi, Ibihumbi ijana na Mirongo irindwi n'icyenda, magana inani mirongo inani n'ane (13,497,179,884Frw)**, hamaze gukoreshwa angana na **Miliyari zirindwi, Miliyoni Magana ane na mirongo itanu n'umunani, ibihumbi magana ane na makumyabiri na kimwe, na magana atatu mirongo itatu n'atandatu** (**7,458,421,336Frw**) bihwanye na 55,3% by'amafaranga amaze gukoreshwa ku Ngengo y'Imari ya 2018/2019.

Abajyanama bamaze kugezwaho ishusho ry'uko ingengo y'imari yashyizwe mu bikorwa, mu gihe gito gisigaye ngo umwaka urangire, igipimo cy'imikoreshereze y'ingengo y'imari kikiri hasi, Abajyanama basabye Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere ko ibikorwa byatangiye byihutishwa, kwishyura bigakorwa ku gihe, kandi hakitabwa no kubuziranenge bw'ibyakozwe, bigendaho amafaranga ya Leta.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa yagejeje ku bari mu nama uko ingengo y'Imari ivuguruye ya 2018/2019 iteye, ku ngengo y'Imari ingana na **Miliyari cumi n'eshatu, Miliyoni magana ane Mirongo cyenda na zirindwi, Ibihumbi ijana na Mirongo irindwi n'icyenda magana inani mirongo inani n'ane (13,497,179,884Frw)** yari yemejwe, yiyongereyeho amafaranga angana na **Miliyari imwe, Miliyoni Magana abiri n'enye, Ibihumbi magana abiri mirongo itatu n'icyenda, Magana atatu mirongo itatu n'abiri ( 1,204,239,332Frw), bingana na 8,9%,** bityo ingengo y'Imari ivuguruye ya 2018/2019 iba **Miliyari cumi n'enye, Miliyoni Magana arindwi n'imwe, Ibihumbi Magana ane cumi n'icyenda, Magana abiri na cumi n'atandatu (14,701,419,216Frw),** abari mu nama banyuzwe n'ibisobanuro bahawe, maze Inama Njyanama ifata umwanzuro ukurikira:

**<u>Umwanzuro wa 1</u>**

Nk'uko biteganwa n'itegeko No 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage cyane cyane mu ngingo yaryo ya 101 niy'102; Inama Njyanama imaze kugezwaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kayonza uko Ingengo y'Imari ya 2018/2019 yakoreshejwe, n'uko Ingengo y'Imari Ivuguruye ya 2018/2019 ingana n'icyo izakoreshwa, Abajyanama banyuzwe n'ibyo bagejejweho ndetse n'ibisobanuro bahawe, maze bemeza ku bwiganze busesuye **ko Ingengo y'Imari Ivuguruye y'Akarere ka Kayonza y'umwaka wa 2018/2019 ingana na** ***Miliyari cumi n'enye, Miliyoni magana arindwi n'imwe, Ibihumbi magana ane na cumi n'icyenda na magana abiri na cumi n'atandatu (14,701,419,216Frw),*** maze kuva kuwa 15/02/2019 Umuyobozi w'Inama Njyanama, wari

nawe Muyobozi w'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'uwo munsi Madamu MUKAMUYENZI Valentine n'Umunyamabanga w'Inama Njyanama Madamu MUSABYEMARIYA Thérèse bashyira umukono ku nyandiko zibyemeza mbere y'uko zoherezwa ku zindi nzego zikuriye Akarere bireba, nabo bazemeza Ingengo y'Imari Ivuguruye ya 2018/2019 ikabona gukoreshwa.

**<u>Umwanzuro wa 2</u>**

Inama Njyanama kandi yemeje ko urutonde rw'ibiciro ngenderwaho mu gusoresha mu Karere ka Kayonza mu mwaka wa 2018/2019 bikomeza uko byari bimeze nk'uko byemejwe mu ngengo y'Imari y'uyu mwaka, naho ibisabwa byose kugirango igipimo cy'ikoreshwa ry'ingengo y'Imari ya 2018/2019 kizamuke bishyirwemo imbaraga n'inzego zose bireba.

➢ **INGINGO YA KABIRI: Kuganira ku manota y'igihe cy'igeragezwa ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere no kubifataho umwanzuro**

- Hashingiwe kuri raporo y'isuzuma mikorere ry'Umunyamabanga Nshingwabikowa ryakozwe na Komite Nyobozi y'Akarere ikayishyikiriza Biro y'Inama Njyanama; igaragaza icyegeranyo cy'ibyagendeweho hatangwa amanota y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa mu gihe yamaze mu igeragezwa, agahabwa amanota agera kuri 83,6%;
- Hashingiwe kandi ko igihe cy'igeragezwa kingana n'amezi atandatu agenwa n'itegeko rigenga umurimo mu Rwanda, Inama Njyanama yasanze umukozi w'Akarere uri ku mwanya w'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa Bwana KAGABA Hero Aaron amaze igihe gihwanye n'amezi atandatu y'igerageza nk'uko bigenwa n'itegeko;
- Hashingiwe ku isesengura ryakozwe na Biro y'Inama Njyanama kuri raporo y'igihe cy'igeragezwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagejeje kuri Biro y'Inama Njyanama; igaragaza ibyo yakoze mu gihe amaze bijyanye n'inshingano ze;



2 9

- Hashingiwe ku itegeko No 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, mu ngingo yaryo ya 75;

Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza imaze gusuzuma inyandiko zivuzwe haruguru yafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro wa 3**

Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yemeje ko Bwana KAGABA Hero Aaron yemejwe nk'umukozi w'Akarere ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa tariki ya 15/02/2019 akagengwa n'amategeko agenga abakozi ba Leta, bityo akaba yewerewe guhabwa n'ubuyobozi bw'Akarere ibyo amategeko agenera umukozi w'Akarere uri mu nshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere.

Maze Bwana KAGABA Hero Aaron asabwa n'Inama Njyanama kuzita ku nshingano ze ariko cyane cyane:

- Gucunga ko abakozi b'Akarere batanga umusaruro;
- Gukurikirana imikoreshereze y'Ingengo y'Imari y'Akarere no gucunga neza umutungo wa Leta washyizwe mu bikorwa bizamura Imibereho Myiza y'Abataurage mu Karere ka Kayonza;
- Gucunga imishinga y'Akarere ikabyazwa umusaruro kandi ikaramba (Sustainability);
- Kwita ku mikorere y'Abafatanyabikorwa (JADF) no kubabyaza umusaruro.

**UMUSOZO**

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yashoje imirimo yayo saa kumi n'ebyiri na makumyabiri (18h20), Umuyobozi wayo ashimira abayitabiriye, ibitekerezo byiza batanze, anasaba abashinzwe gushyira mu bikorwa Ingengo y'Imari Ivuguruye yari imaze kwemezwa kuzakorana umwete n'ubushishozi baharanira ko



2 9

Akarere ka Kayonza kagera ku iterambere twifuza, kandi banaharanira ko umutungo ucungwa neza Akarere kakagera ku rwego rwo kubona "Clean Audit Report".

**MUSABYEMARIYA Thérèse**

**Umwanditsi w'Inama**

**MUKAMUYENZI Valentine**

**Umuyobozi w'Inama**